RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

2024

Tariki 19-23 Mata




P.1 Basketball : APR BBC yegukanye irushanwa ryo Kwibuka

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Basketball :** APR BBC yegukanye irushanwa ryo Kwibuka

P1 **Cycling :** FERWACY yashyikirije amakipe amagare yatanzwe na Ambasade y'u Bufaransa

P2 **Volleyball :** Habaye imikino ya shampiyona

P3 **Football :** Habaye imikino y'umunsi wa 27 ya shampiyona

P3 **Rugby :** Habaye imikino y'umunsi wa gatatu

P4 **Football :** Abasifuzi bo mu cyiciro cya mbere bahawe amahugurwa ku mikoreshereze ya VAR

P4 **Cycling :** Hakinwe umunsi wa kane wa "Youth Racing Cup 2024"

P5 **Handball :** Habaye imikino ya shampiyona

P6 **Football :** Police FC na Bugesera FC zizakina umukino wa nyuma w'igikombe cy'Amahoro 2024

P6 **Triathlon :** Mbaraga Alexis yatorewe kujya nama y'ubuyobozi ya African Triathlon

P7 **Boccia :** Rutsiro yegukanye igikombe cya shampiyona

P7 **Triathlon :** Gatete yegukanye umudali w'Umulinga muri Santrafurika

P7 **Handball :** Abarimu 38 bahawe amahugurwa y'ibanze mu gutoza

P8 **Volleyball :** Al Ahly yegukanye igikombe, Police VC isoreza ku mwanya wa 6

## **Basketball :** APR BBC yegukanye irushanwa ryo Kwibuka

Tariki 19 na 20 Mata 2024 muri BK Arena habereye irushanwa ryo Kwibuka ku nshuro ya 30 abari mu muryango mugari wa siporo by'umwihariko abari abakinnyi, abatoza, abayobozi n'abakunzi ba Basketball bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 "Basketball Genocide Memorial Tournament 2024".

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'amakipe 4 mu bagabo n'andi 4 mu bagore. Ikipe ya APR BBC mu bagabo yegukane igikombe itsinze Patriots BBC amanota 80 kuri 63 naho mu bagore, ikipe ya APR BBC yegukana igikombe itsinze REG BBC amanota 85 kuri 81.

**Uko imikino yagenze**
**Mu bagabo**
**Tariki 19-04-2024**

- Patriots BBC **64-59** Tigers BBC
- APR BBC **96-66** REG BBC

**Tariki 20-04-2024**
**Umwanya wa 3**

- Tigers BBC **92-94** REG BBC

**Umukino wa nyuma**

- Patriots BBC **63-80** APR BBC

**Mu bagore**
**Tariki 19-04-2024**

- APR BBC **46-40** Kepler
- GS Marie Reine **60-76** REG BBC

**Tariki 20-04-2024**
**Umwanya wa 3**

- Kepler BBC **76-64** GS Marie Reine

**Umukino wa nyuma**

- APR BBC **85-81** REG BBC





## **Cycling :** FERWACY yashyikirije amakipe amagare yatanzwe na Ambasade y'u Bufaransa

Tariki 19 Mata 2024 mu Kigo cy'imyitozo y'umukino w'amagare i Musanze, ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY" ryashyikirije amakipe 11 amagare 33 yo mu muhanda n'ayo mu misozi "Road and Mountain Bikes" yatanzwe na Ambasade y'u Bufaransa mu Rwanda.

Muri iki gikorwa hari Perezida wa FERWACY, Ndayishimiye Samson, uwari uhagarariye Ambasade y'u Bufaransa mu Rwanda akaba ashinzwe Ubutwererane n'Umuco, Florent Massat hamwe n'abayobozi b'amakipe.







# **Volleyball :** Hakinwe imikino ya shampiyona

Tariki 19 kugeza 21 Mata 2024 mu Mujyi wa Kigali habereye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mukino wa Volleyball mu bagabo n'abagore.

Mu bagore hasojwe imikino yo kwishyura hakaba hasigaye imikino ya "Playoffs 2024" izahuza amakipe 4 ya mbere ari yo APR VC, Police VC, RRA VC na Ruhango VC.

**Uko imikino yagenze**

**Mu bagabo**

- EAU VC **1-3** Kepler VC (25-16, 25-27, 16-25 & 18-25)
- IPRC Musanze **3-2** KVC (25-20, 24-26, 27-25, 17-25 & 15-11)
- EAU VC **3-0** Kirehe VC (25-15, 25-21 & 25-20)
- IPRC Ngoma **1-3** Kepler VC (24-26, 25-23, 20-25 & 14-25)





| 21.04.2024 RWANDA NATIONAL LEAGUE SERIE A TEAMS' RANKING | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| MEN CATEGORY | | | | | | | | | | | | | |
| RK | TEAMS | POINTS | MATCHES | | | RESULTS DETAILS (SETS) | | | | | | SETS RATIO | POINTS RATIO |
| | | | W | L | T | 3-0 | 3.-1. | 3.-2. | 0-3 | 1.-3. | 2.-3. | | |
| 1 | REG | 35 | 12 | 2 | 14 | .9. | 2 | 1 | 2 | 0 | 0 | 36/10=3.6 | 1105/862=1.281 |
| 2 | KEP | 35 | 12 | 3 | 15 | 9 | 1 | 2 | 1 | 1 | 1 | 39/14=2.78 | 1271/1119=1.135 |
| 3 | PVC | 33 | 10 | 4 | 14 | 7 | 3 | 0 | 1 | 0 | 3 | 36/15=2.4 | 1180/901=1.309 |
| 4 | APR | 31 | 11 | 3 | 14 | 7 | 1 | 3 | 2 | 0 | 1 | 35/16=2.18 | 1174/1012=1.160 |
| 5 | GVC | 28 | 9 | 5 | 14 | 7 | 2 | 0 | 2 | 2 | .1. | 31/17=1.8 | 1063/984=1.080 |
| 6 | IPN | 20 | 7 | 7 | 14 | 3 | 3 | 1 | 6 | 1 | 0 | 22/23=0.956 | 1033/1101=0.938 |
| 7 | KRH | 10 | 3 | 11 | 14 | 0 | 3 | 0 | 8 | 2 | 1 | 13/36=0.36 | 939/1169=0.803 |
| 8 | EAU | 9 | 3 | 12 | 15 | 3 | 0 | 0 | 9 | 3 | 0 | 12/36=0.33 | 1005/1171=0.858 |
| 9 | KVC | 9 | 3 | 11 | 14 | 1 | 1 | 1 | 7 | 3 | 1 | 14/34=0.32 | 1002/1196=0.837 |
| 10 | IPM | 3 | 1 | 13 | 14 | 0 | 0 | 1 | 9 | 3 | 1 | 8/37=0.21 | 916/1204=0.760 |

**Mu bagore**

- RRA **3-2** Ruhango (25 -13, 22-25, 25-12, 21-25 & 15-10)
- IPRC Kigali **0 - 3** Police VC (17-25, 11-25 & 11-25)
- APR VC **3-0** EAU VC (25-06, 25-18 & 25-19)
- RRA VC **1-3** APR VC (23-25, 15-25, 25-19 & 23-25)
- Ruhango VC **0-3** Police VC (18-25, 13-25 & 23-25)
- EAU VC **3-0** IPRC Kigali (25-10, 25-21 & 25-12)







| 21.04.2024 RWANDA NATIONAL LEAGUE SERIE A TEAMS' RANKING | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| WOMEN CATEGORY | | | | | | | | | | | | | |
| RK | TEAMS | POINTS | MATCHES | | | RESULTS DETAILS (SETS) | | | | | | SETS RATIO | POINTS RATIO |
| | | | W | L | T | 3-0 | 3.-1. | 3.-2. | 0-3 | 1.-3. | 2.-3. | | |
| 1 | APR | 28 | 9 | 1 | 10 | .8. | 1 | 0 | 0 | 0 | 1 | 29/4=7.25 | 812/618=1.313 |
| 2 | PWV | 24 | 8 | 2 | 10 | 7 | 0 | 1 | 1 | 0 | .1. | 26/8=3.25 | 798/637=1.252 |
| 3 | RRA | 19 | 7 | 3 | 10 | 2 | 3 | 2 | 1 | 1 | 1 | 25/13=1.92 | 853/771=1.106 |
| 4 | RVC | 10 | 3 | 7 | 10 | 1 | 1 | 1 | 5 | 0 | 2 | 13/24=0.54 | 712/814=0.874 |
| 5 | EAU | 9 | 3 | 7 | 10 | 2 | 0 | 1 | 4 | 2 | 1 | 13/23=0.56 | 750/793=0.945 |
| 6 | IPK | 0 | 0 | 10 | 10 | 0 | 0 | 0 | 8 | 2 | 0 | 2/30=0.066 | 573/797=0.718 |

## Football : Habaye imikino y'umunsi wa 27 ya shampiyona

Tariki 19, 20, 21 Mata 2024 habaye imikino y'umunsi wa 27 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo. Ikipe ya APR FC nyuma yo gutsinda Kiyovu igitego 1-0 yahise yegukana igikombe cya shampiyona ya 2023-2024 mu gihe hasigaye imikino 3 ngo shampiyona isozwe.

Imikino y'umunsi wa 28 iteganyijwe tariki 25 kugeza 28 Mata 2024.

**Uko imikino yagenze**
**Tariki 19-04-2024**

- Gasogi United **3-0** Sunrise FC

**Tariki 20-04-2024**

- Marines FC **2-1** Police FC
- Bugesera FC **1-2** Rayon Sports
- APR FC **1-0** Kiyovu
- Amagaju FC **0-1** Etoile de l'Est

**Tariki 21-04-2024**

- Mukura **0-0** AS Kigali
- Gorilla FC **1-0** Musanze FC
- Etincelles FC **2-1** Muhazi United


PRIMUS NATIONAL LEAGUE
TABLE
DAY 27

| POS | CLUB | PG | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|
| 1 | APR FC | 27 | 28 | 63 |
| 2 | RAYON SPORTS | 27 | 14 | 51 |
| 3 | MUSANZE FC | 27 | 9 | 47 |
| 4 | MUKURA VS | 27 | 7 | 43 |
| 5 | POLICE FC | 27 | 4 | 39 |
| 6 | AS KIGALI | 27 | 1 | 39 |
| 7 | KIYOVU SPORTS | 27 | 2 | 37 |
| 8 | AMAGAJU FC | 27 | -1 | 35 |
| 9 | GASOGI UNITED | 27 | -3 | 32 |
| 10 | GORILLA FC | 27 | -4 | 32 |
| 11 | MUHAZI UNITED | 27 | -5 | 32 |
| 12 | ETINCELLES FC | 27 | -6 | 32 |
| 13 | MARINES FC | 27 | -8 | 32 |
| 14 | SUNRISE FC | 27 | -17 | 26 |
| 15 | BUGESERA FC | 27 | -2 | 25 |
| 16 | ETOILE DE L'EST | 27 | -18 | 25 |



## Rugby : Habaye imikino y'umunsi wa gatatu

Tariki 20 na 21 Mata 2024 habaye imikino y'umunsi wa 3 ya shampiyona ya Rugby muri uyu mwaka wa 2024.

**Uko imikino yagenze**
**Tariki 20-04-2024**

- Rwamagana Hippos **06-70** Kigali Sharks
- Lions de Fer **88-10** Burera Tigers.


**Tariki 21-04-2024**

- Gitisi TSS **08-11** Resilience

Imikino ya shampiyona y'umunsi wa 4 biteganyijwe ko izaba tariki 27 Mata 2024.






RRF RWANDA RUGBY FEDERATIO
RWANDA RUGBY NATIONAL LEAGUE MEN'S 15s ASIDE 2024
After 3rd Week Standings

| | № | TEAMS | P | W | D | L | PF | PA | PD | BP | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| GROUP A | 1 | Lion De Fer RFC | 2 | 2 | 0 | 0 | 171 | 20 | 151 | 2 | 10 |
| | 2 | Kigali Sharks RFC | 2 | 2 | 0 | 0 | 103 | 6 | 97 | 2 | 10 |
| | 3 | Puma RFC | 2 | 1 | 0 | 1 | 16 | 83 | -67 | 0 | 4 |
| | 4 | Rwamagana Hippos RFC | 2 | 0 | 0 | 2 | 6 | 76 | -70 | 1 | 1 |
| | 5 | Burera Tigers RFC | 2 | 0 | 0 | 2 | 10 | 121 | -111 | 0 | 0 |

| | № | TEAMS | P | W | D | L | PF | PA | PD | BP | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| GROUP B | 1 | Resilience RFC | 2 | 2 | 0 | 0 | 31 | 17 | 14 | 0 | 8 |
| | 2 | Gitisi TSS RFC | 2 | 1 | 0 | 1 | 21 | 23 | -2 | 1 | 5 |
| | 3 | UR Grizzlies RFC | 2 | 0 | 0 | 2 | 21 | 33 | -12 | 1 | 1 |

## **Football :** Abasifuzi bo mu cyiciro cya mbere bahawe amahugurwa ku mikoreshereze ya VAR

Tariki 19 Mata 2024, abasifuzi bo mu cyiciro cya mbere bahawe amahugurwa y'iminsi ibiri ku mikoreshereze ya VAR mu buryo bw'amagambo "Theory".

Ibi bikaba biri muri gahunda yo gutegura abazajya mu muhugurwa nyir'izina ya FIFA na CAF.

Aya mahugurwa yatanzwe na Ntangugira Celestin "Abega" wabaye umusifuzi mpuzamahanga ubu akaba ari impuguke ya FIFA mu bijyanye n'ubusifuzi.

Kugeza ubu mu Rwanda, abasifuzi barimo Mukansanga Salima Rhadia, Uwikunda Samuel na Mutuyimana Dieudonnéni ni bo bamaze guhugurwa kuri VAR.

Undi Munyarwanda wahuguriwe gukoresha iri koranabuhanga ni Hakizimana Louis wahoze ari umusifuzi ubu akaba ayobora Komisiyo y'Abasifuzi mu ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru mu Rwanda "FERWAFA".





## **Cycling :** Hakinwe umunsi wa kane wa "Youth Racing Cup 2024"

Tariki 21 Mata 2024 i Ntarama mu Karere ka Bugera muri Field of Dreams hakinwe umunsi wa kane w'irushanwa ry'abakiri bato mu mukino w'amagare "Youth Racing Cup 2024".

Iri rushanwa ritegurwa n'ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY" ryitabiriwe n'abana 158.

**Uko isiganwa ryagenze**

**Mu bahungu**

- **Boys U-11**

**1.** Ntwari Alexis 17'33"
**2.** Byukusenge Alex Christian 17'36"
**3.** Zanetti David 17'37"

- **Boys U-13**

**1.** Ndashimye Alberte 20'14"
**2.** Sano Francis 22'15"
**3.** Uriho Clinton Hategeka 22'17"

- **Boys U-15**

**1.** Habumuremyi Cyusa 25'28"
**2.** Intwali Réponse 25'41"
**3.** Ishimwe Sano Prince 26'13"

- **Boys U-17**

**1.** Juliano Ndriamanampy 38'27"
**2.** Shema Emmanuel 38'34"
**3.** Ishimwe Brian 38'44"

- **Junior Boys (U-19)**

**1.** Nshutiraguma Kevin 54'56"
**2.** Ufitimana Shadrake 55'44"
**3.** Manizabayo Jean de Dieu 55'44"

**Mu bakobwa**

- **Girls U-11**

**1.** Igiraneza Ogila 19'26"
**2.** Umuhoza Jowana 4 20'16"
**3.** Karambizi Ganza Akiah 23'15"

- **Girls U-13**

**1.** Umwamikazi Joy Cyenthia 22'52"
**2.** Mugisha Uwase 23'46"
**3.** Beza Teta Tracy 21'03"

- **Girls U-15**

**1.** Johovaire Riza 27'32"
**2.** Niyibizi Joyce 27'44"
**3.** Irasetsa Amina 28'24"

- **Girls U-17**

**1.** Masengesho Yvonne 41'06"
**2.** Uwiringiyimana Liliane 38'35"
**3.** Nishimwe Gisèlle 38'56"

- **Junior Girls (U-19)**

**1.** Umutoni Sandrine 58'18"
**2.** Iragena Charlotte 57'31"
**3.** Uwamariya Lea 56'55"

# Handball : Habaye imikino ya shampiyona

Tariki 21 na 22 Mata 2024 habaye imikino ya shampiyona y'umukino wa Handball "Handball National League 2024". Mu cyiciro cya mbere mu bagabo habaye imikino ibiri y'ibirarane. Mu bagore habaye imikino y'umunsi wa 4 naho mu cyiciro cya kabiri mu bagabo haba imikino y'umunsi wa kabiri.

**Uko imikino yagenze**

**Mu bagabo**

## 2024 MEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE

FIXTURES || 1ST DIVISION

IMIKINO Y'IBIRARANE

SATURDAY.20/04/2024

| 1ST ROUND - DAY 2 | | |
|---|---|---|
| ADEGI | 11:00 | GICUMBI HT |

VENUE: ADEGI GITUZA

SUNDAY.21/04/2024

| 1ST ROUND - DAY 2 | | |
|---|---|---|
| POLICE HC | 11:00 | GICUMBI HT |

VENUE: KIMISAGARA

## 2024 MEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE

RESULTS || 2ND DIVISION

21-22 APRIL 2024

| | | |
|---|---|---|
| TTC RUBENGERA | 18 - 15 | GS RAMBURA |
| GS RAMBURA | 24 - 29 | IFAK |
| GS IFAK | 25 - 26 | TTC RUBENGERA |

VENUE: TTC RUBENGERA



**Mu bagore**

SUNDAY 21/04/2024

| 1ST ROUND - DAY 1 | | |
|---|---|---|
| KIZIGURO SS | 25 - 19 | TTC DE LA SALLE |
| FALCONS | 24 - 23 | ISF NYAMASHEKE |
| TTC DE LA SALLE | 16 - 27 | FALCONS |
| ISF NYAMASHEKE | 29 - 34 | KIZIGURO SS |

VENUE: KIZIGURO

## 2024 MEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE

1ST DIVISION || TABLE || DAY 4

| # | CLUBS | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | POLICE HC | 4 | 4 | 0 | 0 | 170 | 75 | 95 | 12 |
| 2 | APR HC | 4 | 4 | 0 | 0 | 146 | 66 | 80 | 12 |
| 3 | GICUMBI HT | 4 | 3 | 0 | 1 | 126 | 112 | 14 | 10 |
| 4 | ES KIGOMA | 4 | 3 | 0 | 1 | 105 | 106 | -1 | 10 |
| 5 | UR HUYE | 4 | 2 | 0 | 2 | 116 | 133 | -17 | 8 |
| 6 | GORILLAS HC | 4 | 1 | 0 | 3 | 111 | 126 | -15 | 6 |
| 7 | NYAKABANDA HC | 4 | 1 | 0 | 3 | 100 | 126 | -26 | 6 |
| 8 | ADEGI | 4 | 0 | 0 | 4 | 88 | 140 | -52 | 4 |
| 9 | UR RUKARA | 4 | 0 | 0 | 4 | 73 | 151 | -78 | 4 |

## 2024 WOMEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE

1ST DIVISION || TABLE || DAY 4

| # | CLUBS | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | FALCONS | 4 | 4 | 0 | 0 | 116 | 68 | 48 | 12 |
| 2 | ESC NYAMAGABE | 2 | 2 | 0 | 0 | 60 | 27 | 33 | 6 |
| 3 | KIZIGURO SS | 2 | 2 | 0 | 0 | 59 | 48 | 11 | 6 |
| 4 | ISF NYAMASHEKE | 4 | 1 | 0 | 3 | 103 | 97 | 6 | 6 |
| 5 | UR RUKARA | 2 | 1 | 0 | 1 | 45 | 43 | 2 | 4 |
| 6 | TTC DE LA SALE | 2 | 0 | 0 | 2 | 35 | 52 | -17 | 2 |
| 7 | UOK | 2 | 0 | 0 | 2 | 34 | 72 | -38 | 2 |
| 8 | UR HUYE | 2 | 0 | 0 | 2 | 22 | 67 | -45 | 2 |

## 2024 MEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE || 2ND DIVISION

1ST DIVISION || TABLE || DAY 2

| # | CLUBS | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | MUSANZE ACADEMY | 2 | 2 | 0 | 0 | 40 | 0 | 40 | 6 |
| 2 | TTC RUBENGERA | 2 | 2 | 0 | 0 | 44 | 40 | 4 | 6 |
| 3 | GSFAK | 2 | 2 | 0 | 1 | 54 | 50 | 4 | 4 |
| 4 | GS RAMBURA | 2 | 1 | 0 | 2 | 39 | 47 | -8 | 2 |
| 5 | GS ST ALOS | 1 | 0 | 0 | 1 | 0 | 20 | -20 | 0 |
| 6 | MUTENDERI TSS | 1 | 0 | 0 | 1 | 0 | 20 | -20 | 0 |

## **Football :** Police FC na Bugesera FC zizakina umukino wa nyuma w'igikombe cy'Amahoro 2024

Tariki 23 Mata 2024 ni bwo hakinwe imikino yo kwishyura ya ½ mu mikino y'igikombe cy'Amahoro 2024 "Peace Cup 2024" mu mupira w'amaguru mu bagabo.

Ikipe ya Police FC na Bugesera FC nyuma yo kwitwara neza muri ½ cy'irangiza ni zo zizakina umukino wa nyuma. Ikipe ya Police FC yasezereye Gasogi United FC kuri penaliti 4-3 nyuma yo kunganya igitego 1-1 mu mikino yombi. Umukino ubanza wabaye tariki 16 Mata 2024, Police FC yari yatsinzwe na Gasogi United igitego 1-0 naho umukino wo kwishyura, Police FC itsinda igitego 1-0 nyuma hitabazwa penaliti, Police FC yinjiza 4 kuri 3 za Gasogi United FC.

Ikipe ya Bugesera FC yasezereye Rayon Sports ku bitego 2-0 mu mikino yombi. Tariki 17 Mata 2024, Rayon Sports yari yatsinzwe na Bugesera FC igitego 1-0 mu mukino ubanza no mu mukino wo kwishyura, tariki 23 Mata 2024 irongera itsinda Rayon Sports igitego 1-0.

Umukino wa nyuma biteganyijwe ko uzakinwa tariki 1 Gicurasi 2024.





## **Triathlon :** Mbaraga Alexis yatorewe kujya nama y'ubuyobozi ya African Triathlon

Tariki 19 Mata 2024, mu Mujyi wa Hurghada mu Misiri muri Baron Hotel habaye Kongere y'ishyirahamwe ry'umukino wa Triatlon muri Afurika yaberemo amatora "Electoral Congress of Africa Triathlon".

Perezida w'ishyirahamwe ry'umukino wa Triathlon mu Rwanda "RTF", Mbaraga Alexis yatorewe kujya mu nama y'ubuyobozi y'ishyirahamwe ry'umukino wa Triathlon muri Afurika "Africa Triathlon Boad Member". Komite yatowe izayobora igihe cy'imyaka 4 (2024-2028).

**Abatowe**

- **Perezida :** Gen Ahmed Nasser (Misiri)
- **Visi Perezida 1 :** Dr. Debbie Geraldine Alexander (South Africa)
- **Visi Perezida wa 2 :** Boubacar Gaye (Senegal)
- **Secretary General :** Paul Alain St Louis (Mauritius)
- **Treasurer :** Dr. Edwige Olga Ngnameko Ngassam (Cameroun)

**Executive Board Member**

**1.** Alexis Mbaraga (Rwanda)
**2.** Jocelyne Leah Nyambura (Kenya)
**3.** Adewale Enitan Oladunjoye (Nigeria)
**5.** Ali Zaid (Lybia)
**6.** Feriel Chouiter (Algeria)

Kongere ya African Triathlon yitabiriwe na Minisitiri w'urubyiruko na Siporo mu Misiri, Dr Ashraf Sobhy, hari kandi Perezida w'ishyirahamwe ry'umukino wa Triathlon ku Isi "World Triathlon", Madam Marisol Casado n'umunyamabanga wa "World Triathlon", Antonio Arimany.





## **Triathlon :** Gatete yegukanye umudali w'Umulinga muri Santrafurika

Tariki 21 Mata 2024, mu mu mujyi wa Damara uherereye mu Ntara ya Ombella-M'Poko muri Central African Republic habereye irushanwa mpuzamahanga ryo kwiruka no kunyoga igare "Duathlon International de Damara".

Umukinnyi w'Umunyarwanda, Gatete Vital yitwaye neza yegukana umudali w'Umulinga.

Iri rushanwa muri rusange ryitabiriwe n'abakinnyi 14 ryegukanwe na Issoufou Sani ukomoka muri Nigeria naho ku mwanya wa 2 haza Dendo ukomoka muri Central African Republic.

Iri rushanwa "Duathlon International de Damara" ritegurwa n'ishyirahamwe ry'umukino wa Triathlon muri Central African Republic ryatangiye gukinwa muri 2022.

Umwaka ushize wa 2024 ryari ryegukanwe, Elyassou Taïrou ukomoka muri Benin.






## **Boccia :** Rutsiro yegukanye igikombe cya shampiyona

Tariki 20 Mata 2024 ni bwo hasojwe shampiyona y'umukino wa Boccia ya 2023-2024 aho ikipe ya Rutsiro yitwaye neza ikegukana igikombe cya shampiyona.

Iyi kipe yakurikiwe na Rwamagana, ku mwanya wa 3 haza Rulindo naho ku mwanya wa 4 haza Musanze.



## **Handball :** Abarimu 38 bahawe amahugurwa y'ibanze mu gutoza

Ishyirahamwe ry'umukino wa Handball mu Rwanda "FERWAHAND" Ku bufatanye n'ishyirahamwe ry'imikino mu mashuri mu Rwanda "FRSS" ndetse n'Akarere ka Rubavu habaye amahugurwa y'abatoza 38 aho bahuguwe ku bijyanye no gutoza umukino wa Handball. Aba barimu bahawe icyemezo cya "National Licence D". Aya mahugurwa yayobowe n'umutoza wa Handball, Ngarambe François-Xavier.





# Volleyball : Al Ahly yegukanye igikombe, Police VC isoreza ku mwanya wa 6

Tariki 23 Mata 2024 i Cairo mu Misiri hasojwe imikino y'Afurika y'amakipe mu mukino wa Volleyball mu bagabo ku nshuro ya 45 "CAVB Men's African Volleyball Club Championship 2024" ikaba yari yatangiye tariki 14 Mata 2024.

Iyi mikino yari yitabiriwe n'amakipe 21 aho yari agabanyijwe mu matsinda 4. Itsinda A ryari rigizwe na Al Ahly SC (Misiri), Green Team VC (RDC), Equity Bank VC (Kenya), FUS Rabat VC (Maroc) na Mugher Cement Factory VC (Ethiopia). Itsinda B ryari rigizwe na Al Naser (Libiya), Mouloudia Sportive de Bousalem (Tunisia), WAT Lemcen (Algeria), AS INJS (Cote d'Ivoire) na Wolaitta Dicha SC (Ethiopia). Itsinda C ryari ririmo Port Autonome De Douala (Cameroun), ASW Blida (Algeria), Gisagara VC (Rwanda), Kenya Prisons (Kenya), Espoir VC (RDC) na Rukinzo VC (Burundi) naho itsinda D ririmo Kenya Ports Authority (Kenya), Police VC (Rwanda), Green Buffaloes VC (Zambia), University of Zimbabwe Wolves VC (Zimbabwe) na Garde Republicaine VC (RDC).

Ikipe ya Al Ahly SC yo mu Misiri ni yo yegukanye igikombe itsinze Mouloudia Sportive de Bousalem yo muri Tunizia ku mukino wa nyuma amaseti 3-0 (25-21, 25-17 na 25-18) naho ikipe ya Kenya Prisons yegukana umwanya wa 3 itsinze Al Naser yo muri Libiya amaseti 3-2 ( 23-25, 25-19, 25-17, 18-25 na 15-13).

Ikipe zari zihagarariye u Rwanda, Police VC yasoreje ku mwanya wa 6 naho ikipe ya Gisagara VC isoreza ku mwanya wa 18.

**Uko amakipe yakurikiranye**

45 Men's African Volleyball Club Championship
Men 14th to 23th April 2024 , Cairo, EGYPT

## Final Ranking

| | TEAM | CODE | COUNT | LOGO |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Al Ahly Sporting Club | AHL | EGY | |
| 2 | Mouloudia Sportive de Bou Salem | MSB | TUN | |
| 3 | Kenya Prisons | PRI | KEN | |
| 4 | Al Naser S. C. Club | NSC | LBA | |
| 5 | ASW Blida Sport Ville De Blida | ASW | ALG | |
| 6 | Police Volleyball Club | PVC | RWA | |
| 7 | Kenya Ports Authority | KPA | KEN | |
| 8 | Port Autonome De Douala | PAD | CMR | |
| 9 | Faith Union Sport | FUS | MAR | |
| 10 | WAT Telemcen | WAT | ALG | |
| 11 | Equity Kenya | EBK | KEN | |
| 12 | Volleyball Club Green Team | VCG | COD | |
| 13 | Volleyball Club Espoir | ESP | COD | |
| 14 | Green Buffaloes Volleyball Club | GBV | ZAM | |
| 15 | AS INJS | INJ | CIV | |
| 16 | University of Zimbabwe Wolves Volleyball | UZW | ZIM | |
| 17 | Rukinzo Volleyball Club | RKZ | BDI | |
| 18 | Gisagara Volleyball Club | GVC | RWA | |
| 19 | Mugher Cement Factory | MCF | ETH | |
| 20 | Volleyball Club Garde Republicaine | VGR | COD | |
| 21 | Wolaitta Dicha Sport Club | WDS | ETH | |










RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave